# LIDA Stories

lidastories.net

## Kubyara / Å føde

LIDA Norge
Sara Dorthea Johannesen
Abisange Iragena Sandrine (rw), Espen Stranger-Johannessen (nb)

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

# Kubyara

# Å føde



LIDA Norge
Sara Dorthea Johannesen
Abisange Iragena Sandrine
4
Ikinyarwanda rw / norsk nb



Selamawit afite imyaka 29. Umwana we wa mbere yamubyariye muri Eritrea. We n’umuryango we bahagiriye ibihe bitoroshye, bituma biyemeza kujya mu Butaliyani.

. . .

Selamawit er 29 år. Hun fødte sitt første barn i Eritrea. Hun og familien hadde det vanskelig der, så de bestemte seg for å dra til Italia.



Ababyeyi bombi babyaye abana bameze neza. Selamawit yarongeye abyara umuhungu, na ho Inga abyara umukobwa. Abagabo babo bumvise batewe ishema n'ubutwari bw'abagore babo ndetse no kuba abana bameze neza, maze bakajya babibwira buri wese baziranye.

. . .

Begge kvinnene fødte sunne og friske barn. Selamawit fikk en sønn til, mens Inga fikk en datter. Mennene deres var veldig stolte, og de fortalte alle de kjente om de sterke konene og de friske barna sine.





Inga yavuye iwabo ari hafi kuzuza imyaka 19. Yagiye muri Noruveje ahabyarira umwana we wa mbere.

. . .

Inga dro hjemmefra like før hun fylte 19. Hun flyttet til Norge og fikk det første barnet sitt der.



Ubwo Selamawit yasamaga inda y'umwana wa kabiri, yibazaga uko bizaba bimeze kubyarira mu kindi gihugu.

. . .

Da Selamawit ble gravid med det andre barnet sitt, lurte hun på hvordan det ville være å få barn i et annet land.





Inga na muganga bemeranyije ko agomba kujya ajya kureba umubyaza kuri gahunga ihoraho, akazamukurikirana kugeza abyaye. Umubyaza yamugiriye inama ku byerekeye indyo yuzuye no kuruhuka, ndetse amuha n'amakuru ajyanye n'uko yakomeza kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana we.

. . .

Inga og legen hennes ble enige om at hun skulle møte en jordmor for jevnlig oppfølging under svangerskapet. Jordmoren ga henne råd om mat, hvile og informasjon om hvordan hun selv og babyen kunne holde seg sunne og friske.




Ubwo umuturanyi wa Inga yumvaga ko ashaka gusama, yamubwiye ko agomba kwihutira kwa muganga akimara kumenya ko yasamye. Ibyo bikazatuma amenya neza ko we n’umwana bameze neza. Muganga yamusabye gufata aside folike, vitamine y’ingenzi ku bagore batwite.

. . .

Da naboen til Inga hørte at hun prøvde å få barn, sa naboen til henne at hun måtte gå til legen så snart hun ble gravid. På den måten kunne hun være sikker på at hun og barnet var friske. Legen sa at hun måtte ta folsyre, et vitamin som er viktig for gravide.





Selamawit na Inga bakomoka ahantu hatandukanye. Selamawit yumvaga adahangayitse kubera ko atari ubwa mbere yari agiye kubyara. Inga yaganirije Mama we ibijyanye no kubyara.

. . .

Selamawit og Inga hadde ulik bakgrunn. Selamawit følte seg trygg fordi hun hadde erfaring med å føde. Inga snakket med moren sin om å føde.



Aba bagore bombi bari barumvise ko mu bihugu byinshi by’Uburayi, abagore batwite baba bafite uburenganzira kuri gahunda zo gukurikirana umubyeyi utwite. Bisobanuye ko bazitabwaho igihe bazaba batwite. Selamawit akimara kumenya ko yasamye, yahise afata gahunda yo kubonana na muganga. Umugabo we yamutwaye mu modoka bajya kwa Muganga.

. . .

Begge kvinnene hadde hørt at i de fleste europeiske land har gravide rett til svangerskapskontroll. Det betyr at man får hjelp under svangerskapet. Selamawit bestilte en time hos legen sin så snart hun skjønte at hun var gravid. Mannen til Selamawit kjørte henne til legen.





Muganga yamufashe ibizamini maze asanga Selamawit afite ubwoko bwa diyabete bugirwa na bamwe mu bagore batwite. Asabwa kurya indyo yuzuye ndetse agakora siporo. Selamawit yashimishijwe no kuba yaragiye kwa muganga hakiri kare, mbere y’uko we n’umwana we barwara.

. . .

Senere tok legen noen prøver og fant ut at Selamawit hadde en type diabetes som noen gravide kvinner får. Hun måtte spise sunn mat og trene. Selamawit var glad hun dro til legen tidlig, før hun og babyen ble syke.